URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE, RURI I NYARUGENGE, RUHABURANISHIRIZA MU RUHAME IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO KU RWEGO RWA MBERE, RUKIJIJE URU RUBANZA RCA 00074/2017/TGI/NYGE NONE KUWA 29/1/2018, MU BURYO BUKURIKIRA:

HABURANA:

Urega: MUTETERI Anne Marie, mwene KARENZI Charles na KAMARABA Madeleine, utuye mu mudugudu wa Akintwari, akagari ka Kibagabaga, umurenge wa Kimironko, akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Uregwa: MUSONERA Edouard, mwene NKINAMUBANZI Pierre Celestin na BAWIGIRIRE Valerie, utuye mu mudugudu wa Mahoro, akagari ka Nonko, umurenge wa , Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali.

Ikiburanwa: Kujuririra urubanza RC0437/15/TB/NYRGA rwo kuwa 20/04/2017 rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugunga (Haburanwa ikibanza MUSONERA Edouard yaguze n'utari nyiracyo).

I.IMITERERE Y'URUBANZA

[1] **MUTETERI Anne Marie** yatanze ikirego muri uru rukiko ajuririra urubanza RC0437/15/TB/NYRGA rwo kuwa 20/04/2017 rwaciwe kuwa n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugunga, aho baburanaga ikibanza n° 1595 kiri I Nyarugunga/Kicukiro aho yaregaga MUSONERA Edouard asaba urukiko gusesa amasezerano yabaye hagati ye n'abamugurishije icyo kibanz kandi atari icyabo. Muri urwo rubanz ayaburanirwagamo na Me BUHURU Pierre Celestin, ku munsi w'urubanze yashyize inyandiko kuri dosiye agaragaza ko yasubije urega urubanza rwe ngo azarwiburanire, urubanza rurimurwa kugirango uregwa ahabwe umwanya wo kwikurikiranira urubanza rwe, ariko ku munsi rwimuriweho nabwo ntiyitaba.

[2] MUSONERA Edouard wunganiwe na Me HORANIMANA Jean d'Arc avuga ko urubanza rwaburanishwa adahari cyangwa rugasibwe kuko nubundi yareze agamije kubatesha umwanya kuko no mu rukiko rubanza yatsinzwe, akaba ayrahawe umwanya wo gukurikirana urubanza rwe ariko ntabikore.

[3] *Ikigomba gusuzumwa muri uru rubanza akaba ari ukumenya icyo amategeko ateganya iyo umuburanyi yaregeye urukiko ariko ntakurikirane urubanza rwe.*

II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA

1. Kumenya icyo amategeko ateganya iyo umuburanyi yaregeye urukiko ariko ntakurikirane urubanza rwe

[4] **MUTETERI Anne Marie** yatanze ikirego muri uru rukiko ajuririra urubanza RC0437/15/TB/NYRGA rwo kuwa 20/04/2017 rwaciwe kuwa n'Urukiko rw'Ibanze rwa

Nyarugunga, aho baburanaga ikibanza nº 1595 kiri I Nyarugunga/Kicukiro aho yaregaga MUSONERA Edouard asaba urukiko gusesa amasezerano yabaye hagati ye n'abamugurishije icyo kibanz kandi atari icyabo. Muri urwo rubanz ayaburanirwagamo na Me BUHURU Pierre Celestin, ku munsi w'urubanze yashyize inyandiko kuri dosiye agaragaza ko yasubije urega urubanza rwe ngo azarwiburanire, urubanza rurimurwa kugirango uregwa ahabwe umwanya wo kwikurikiranira urubanza rwe, ariko ku munsi rwimuriweho nabwo ntiyitaba.

[5] MUSONERA Edouard wunganiwe na Me HORANIMANA Jean d'Arc avuga ko urubanza rwaburanishwa adahari cyangwa rugasibwa kuko nubundi yareze agamije kubatesha umwanya kuko no mu rukiko rubanza yatsinzwe, akaba yarahawe umwanya wo gukurikirana urubanza rwe ariko ntabikore.

[6] Urukiko rukaba rusanga kuba uwareze nyuma y'uko ashyikirije urukiko ikirego , Me BUHURU Pierre Celestin wamuburaniraga akamusubiza urubanza rwe, bikaba byaratumye urukiko rwimura iburanisha ngo arwikurikiranire ariko ntagaragaze ubushake bwo kuza kurukurikirana, uregwa akaba yarasabye ko rwaburanishwa adahari cyangwa rugasibwa, rusanga uru rubanza rukwiye gusibwa mu manza ziri mu rukiko hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 59 y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko" iyo mu iburanisha rya mbere uregwa atitabye nta mpamvu, urega ashobora gusaba ko urubanza rwimurirwa ku yindi tariki cyangwa se gusaba ko ruburanishwa uregwa adahari. Muri icyo gihe hasuzumwa imyanzuro y'urega kandi ikirego cye kikakirwa, kigahabwa ishingiro iyo gifite ireme kandi cyaratanzwe mu buryo no mu nzira bikurikije amategeko," uru rubanza rukaba rusibwe mu manza ziri mu rukiko kuko urega atitabye urukiko nta mpamvu yarumenyesheje.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[7] Rwemeje ko urubanza RCA 00074/2017/TGI/NYGE rusibwe mu manza ziri mu rukiko.

[8] Rutegetse ko amagarama yatanzwe urukiko ruregerwa ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

NI UKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 29/1/2018.

Umucamanza	**Umwanditsi**
NYIRANSAGUYE Athanasie	**MUSHIMIYIMANA Sylvie**
Sé	**Sé**

Byandukuwe nk'uko biri ku cyemezo cy'umwimerere none kuwa……
n'umwanditsi……